**URWEGO RW'URWANDA RUSHINZWE IGORORA**

**ISHAMI RISHINZWE ABAKOZI**
**PO BOX 6516 KIGALI**

**ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MURI RCS KU RWEGO RW'ABAKOZI BATO**

1. Ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS) buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira muri RCS ku rwego rw'abakozi bato ko iminsi yo kwiyandikisha mu **turere yongerewe** kuva tariki ya **25 Kanama 2025 kugeza** kuya **21 Nzeri 2025**.

2. Abujuje ibisabwa bagomba kuza bitwaje Inyandiko yujujwe neza iboneka ku rubuga rw'urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora www.rcs.gov.rw izomekwaho fotokopi y'indangamuntu, impamyabumenyi, icyemezo kigaragaza ko ari indakemwa mu mico no mu myifatire n'ifoto ngufi ebyiri (photo passport).

3. Abiyandikisha basabwa kuba bujuje ibi bikurikira:
   a. Kuba uri Umunyarwanda.
   b. Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 25.
   c. Kuba yararangije amashuri atandatu yisumbuye (A2).
   d. Kuba afite ubuzima buzira umuze.
   e. Kuba atarigeze ahamwa n'icyaha.
   f. Kuba adakurikiranweho icyaha.
   g. Kuba atarirukanwe burundu mu kazi ko mu butegetsi bwite bwa Leta keretse yarakorewe ihanagurabusembwa.
   h. Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.
   i. Kuba ari indakemwa mu mico no myifatire.
   j. Kuba afite ubushake bwo kwinjira muri RCS.
   k. Kuba yiteguye Gukorera aho ariho hose mu Gihugu.

4. Abiyandikisha barasabwa kwitwaza ibi bikurikira:
   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cy'amashuri yize kiriho umukono wa noteri.
   c. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire byemejwe n'Umuyobozi w'umurenge.
   d. Icyemezo cyo kuba atarakatiwe n'inkiko.
   e. Icyemezo kigaragaza ko ari ingaragu.
   f. Icyemezo cyo kwa muganga cyemejwe na muganga wemewe wa Leta.

5. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora ku Biro by'akarere kuva tariki **ya 22-30 Nzeri 2025 saa tatu za mu gitondo** aha hakurikira:

**Intara y'Amajyaruguru:**

a. Mu Karere ka Gicumbi ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri salle y'Akarere ka Gicumbi.
b. Mu Karere ka Musanze ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Ubworoherane.
c. Mu Karere ka Burera ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Kirambo.
d. Mu Karere ka Gakenke ni tariki ya 23 Nzeri 2025 kuri salle y'Akarere ka Gakenke.
e. Mu Karere ka Rulindo ni tariki ya 24 Nzeri 2025 ku kibuga cya Gasiza.

**Intara y'Iburasirazuba:**

a. Mu karere ka Rwamagana ni tariki ya 22 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere ka Rwamagana.
b. Mu Karere ka Ngoma ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Ngoma.
c. Mu karere ka Nyagatare ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Nyagatare.
d. Mu karere ka Bugesera ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Bugesera.
e. Mu Karere ka Gatsibo ni tariki ya 22 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere ka Gatsibo.
f. Mu Karere ka Kayonza ni tariki ya 23 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere ka Kayonza.
g. Mu karere ka Kirehe ni tariki ya 24 Nzeri 2025 kuri salle y'Akarere ka Kirehe.

**Intara y'Amajyepfo:**

a. Mu karere ka Nyamagabe ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Nyamagabe.
b. Mu Karere ka Nyanza ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Nyanza.
c. Mu karere ka Huye ni tariki ya 22 Nzeri 2025 ku Igororero rya Huye.
d. Mu Karere ka Muhanga ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Muhanga.
e. Mu Karere ka Nyaruguru ni tariki ya 22 Nzeri 2025 ku Kibuga cy'umupira cya Ndago.
f. Mu Karere ka Gisagara ni tariki ya 23 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere.
g. Mu karere ka Ruhango ni tariki ya 24 Nzeri 2025 ku biro by' Akarere.
h. Mu Karere ka Kamonyi ni tariki ya 25 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere.

**Intara y'uburengerazuba:**

a. Mu karere ka Rubavu ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Rubavu.
b. Mu Karere ka Rusizi ni tariki ya 22 Nzeri 2025 kuri sitade ya Rusizi.
c. Mu Karere ka Nyamasheke ni tariki ya 22 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere.
d. Mu Karere ka Karongi ni tariki ya 23 Nzeri 2025 kuri salle y'urubyiruko y'Akarere.
e. Mu Karere ka Rutsiro ni tariki ya 24 Nzeri 2025 kuri sitade ya Rutsiro.
f. Mu karere ka Ngororero ni tariki ya 25 Nzeri 2025 kuri sitade ya Karere.
g. Mu karere ka Nyabihu ni tariki ya 26 Nzeri 2025 kuri sitade ya Nyabihu.

**Mu Mujyi wa Kigali:**

Mu karere ka Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo, ni tariki ya 25 Nzeri 2025 ku biro by'Akarere ka Gasabo.

6. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni 0737627676, 0737626200 na 0737626188.

Bikorewe Kigali kuwa 22 Kanama 2025

**A RWAGASORE 'psc'(ZW)**
**Superintendent**
Umuyobozi w'agateganyo Ushinzwe Imicungire y'abakozi

RWANDA CORRECTIONAL SERVICE · HUMAN RESOURCE MANAGEMENT DEPARTMENT